**REPUBULIKA Y' U RWANDA** **RP/ECON 00013/2020/TGI/RSZ**

**URUKIKO RWISUMBUYE**
**RWA RUSIZI**

**ICYEMEZO N° 00013/2020/TGI/RSZ GITEGEKA USHINJWA WATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO.**

Umwaka w'ibihumbi bibiri na makumyabiri, umunsi wa 08 w'ukwezi k'Ukwakira;

Twebwe **MUSABYIMANA Valens,** Umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Rusizi, dufashijwe na NYIRAMBONIGABA Marie Thérèse, Umwanditsi muri urwo Rukiko;

Tumaze kubona ko Ubushinjacyaha ku rwego Rwisumbuye rwa RUSIZI bwaregeye uru Rukiko uwitwa **SIBOMANA Jean Damascene,** icyaha cyo Kunyereza umutungo wa TWITEZIMBERE KIRIMBI SACCO, icyaha giteganywa kandi kigahanishwa n' ingingo ya 10 y'Itegeko ryerekeye kurwana ruswa, ikirego kikaba cyaranditswe kuri n° RP/ECON 00013/2020/TGI/RSZ;

Tumaze kubona ko uwitwa **SIBOMANA Jean Damascene** mwene Nduwamungu Fabien na Nyirandora Marie wavutse tariki ya 01/01/ 1987 mu mudugudu wa Uwamugisha, Akagari ka Kimpindu, Umurenge wa Kirimbi, mu Karere ka Nyamasheke akaba yari atuye mu mudugudu wa Kibiko, Akagari ka Gitwe, Umurenge wa KARAMBI, mu Karere ka Nyamasheke, Intara y'Uburengerazuba, akaba abarurirwa mu kagari ka Murago, Umurenge wa Gataraga, Akarere ka Musanze, Intara y'Amajyaruguru ho muri Repubulika y'u Rwanda. Ubu akurikiranwe nk'uwatorotse cyangwa uwihishe Ubutabera, kandi akaba ari ngombwa ko uru rubanza ruburanishwa;

Dushingiye ku ngingo za 160-162 z'Itegeko N° 27/2019 ryo kuwa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha;

Dutegetse ko **SIBOMANA Jean Damascene** agomba kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Rusizi kuwa **15/12/2020** saa mbiri za mugitondo aho urukiko ruburanishiriza imanza z'inshinjabyaha, atakwitaba bigafatwa ko yasuzuguye amategeko, akaburanishwa adahari;

Dutegetse kandi ko iki cyemezo gitangazwa kurubuga rw'Urukiko rw'Ikirenga ahagenewe kunyuzwa amatangazo kandi kikamanikwa ku Rukiko Rwisumbuye rwa Rusizi nk'urukiko rwategetse iki cyemezo.

Iki cyemezo gitangira gushyirwa mu bikorwa ku munsi cyafashweho.

Bikorewe i Rusizi, ku munsi, ukwezi n'umwaka byavuzwe haruguru.

**MUSABYIMANA Valens**
**UMUCAMANZA**

**NYIRAMBONIGABA M.Thérèse**
**UMWANDITSI**